**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA**

**GASABO**

**Email: tbgasabo@gmail.com**

**IMENYESHA RY'ICA RY'URUBANZA RC 00963/2021/TB/GSBO RWAKOSOWE NA RS/RECT/RC 00078/2022/TB/GSBO MU BURYO BW'IMENYESHARUHAME**

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa cumi w' ukwezi kwa mbere

Njyewe RUTABAYIRO Samuel Umwanditsi w'urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ndi ku rukiko aho rukorera mu kagari ka Kibagabaga mu murenge wa Kimironko Akarere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali.

Nshingiye ku ngingo ya 148 (3), 46 z'itegeko N0 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Menyesheje: **NAMBAJIMANA Martin**,mwene MUNYAKARAMA Enos na NYIRAMPARAYE Adela utuye mu mudugudu wa …….., Akagari ka……….,Umurenge wa……….,Akarere ka…. ….., Intara ya ………..,Tel.+250788894695, E-MAIL : nambajemartin01@gmail.com aho abarizwa hakaba hatazwi kuko yagiye hanze y'igihugu nk'uko byemezwa'ubuyobozi bw'umudugudu wa Rebero bigashimangirwa n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari Ka Kabuye mu nyandiko yo ku wa 09/06/2021

Mumenyesheje mu buryo bw'Imenyesharuhame Imikirize y'urubanza **RC 00963/2021/TB/GSBO** rwakosowe kandi rwuzuzwa na **RS/RECT/RC 00078/2022/TB/GSBO** Kubirebana no guhabwa uburenganzira k'ubutaka Yarezwemo ku wa 03/07/2022 na **MUKASEKURU Drocella**, mwene

NDORIYOBIJYA Evaliste na MUKANGANGO Euphrasie, utuye mudugudu wa Buliza, akagari ka Kabuye, umurenge wa Jabana, akarere ka Gasabo, intara y'umujyi wa Kigali. Ufite Tel :0783822750 na EMAIL :mukasekurudrocella14@gmail.com

Urubanza rukaba rwaraburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ku wa 09/09/2022 **Nambajimana Martin** adahari; rucibwa kuwa 19/10/2022 ku buryo bukurikira:

RWEMEJE ko ikirego cya MUKASEKURU Drocella gifite ishingiro.

RWEMEJE kandi RUTEGETSE ko hakorwa ihinduranyamutungo ku mutungo wanditse kuri UPI : 1/02/05/03/2535 ukandikwa mu mazina ya MUKASEKURU Drocella, bugakurwa kuri NAMBAJIMANA Martin na UZAMURANGA Elevanie.

RUTEGETSE ko NAMBAJIMANA Martin na UZAMURANGA Elevanie bafatanya gusubiza ibihumbi icumi by'amagarama MUKASEKURU Drocella yatanze arega. Ruvuze ko amafaranga ibihumbi 10.000Frw yatanzweho ingwate na MUKASEKURU Drocella aregera urukiko ahwanye n' imirimo yakozwe muri uru rubanza.

Uru rubanza rwajemo amakosa Mukasekuru Dorocella atanga ikirego gisaba gukosora gifata **RS/RECT/RC 00078/2022/TB/GSBO rucibwa ku wa 28/12/2022 mu buryo bukurikira**

Rwemeje kwakira ikirego cyatanzwe na MUKASEKURU DROCELLA asaba gukosora amakosa ari mu rubanza RC 00963/2021/TB/GSBO rwaciwe kuwa 19/10/2022, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro.

Rwemeje ko habayeho amakosa y' imyandikire mu kwandika urubanza RC 00963/2021/TB/GSBO rwaciwe kuwa 19/10/2022.

Rwemeje ko ahantu hose handitse nimero y' urubanza RC 00521/2021/TB/GSBO; hagomba gukosorwa hakandikwa nimero RC 00963/2021/TB/GSBO.

Rwemeje kandi ko ahanditse MUNYANTORE REGIS n' umugore we NYIRANZEYIMANA hagomba gukosorwa hakandikwa NAMBAJIMANA MARTIN n' umugore we UZAMURANGA ELVANIE.

Rutegetse ko kopi y' uru rubanza rukosora urundi yomekwa kuri kopi y' urubanza RC 00963/2021/TB/GSBO rwaciwe kuwa 19/10/2022 maze zikuzuzanya.

Rwibukije ko igihe cy'u bujurire ari ukwezi kumwe, gitangira kubarwa uhereye ku munsi w' isomwa ry' urubanza rukosora urundi.

**UMENYESHEJWE**: **NAMBAJIMANA Martin**

**UMUMENYESHEJE**

(Izina, Umurimo akora,umukono na kashe)

UMWANDITSI W'URUKIKO

RUTABAYIRO Samuel